Ikaze muri Columbus Global Academy!

Itondere aya makuru yagufasha:

## Ikarita y'Ikirango cy'Umunyeshuri

Buri munyeshuri agomba kuba afite Ikarita y'Ikirango cy'Umunyeshuri. Ushobora gukoresha Ikarita yawe y'ikirango ugenda muri bisi z'umujyi (COTA Bus) ku buntu. Ushobora kandi gukoresha Ikarita yawe y'ikirango mu gutira ibitabo mu isomero iryo ari ryo ryose rya Columbus Metropolitan Library. Niba ukeneye ikarita y'ikirango, wagana ku biro.



## Uburyo bw'ingendo bukoreshwa n'Ikigo cy'ishuri

Abanyeshuri batuye mu birometero birenga bitatu (mayiri ebyeri) uvuye ku kigo cy'ishuri bazagenerwa bisi.

Niba aderesi yawe yo mu rugo iri hafi hatarenze ibirometero bitatu, ntiwemerewe kugenda muri bisi y'ikigo cy'ishuri.

Bifata iminsi 10 nyuma y'umunsi wa mbere wo kwiyandikisha kugira ngo uhabwe amakuru ajyanye n'umuhanda wa bisi uzifashisha. Ababyeyi bagomba kwishingira ibijyanye n'ingendo kugeza igihe bisi itanzwe. Niba udashoboye gutanga uburyo bw'ingendo, wamenyesha ibiro kandi gusiba k'umunyeshuri wawe bizasonerwa (azababarirwa).

Amakuru avuguruye ajyanye na bisi wayasanga ku Rubuga rugenewe ababyeyi. Cyangwa se, ushobora guhamagara ikigo cy'ishuri igihe icyo ari cyo cyose ubundi ukavugana n'Umunyamabanga wacyo.

## Udukapu two mu mugongo

Abanyeshuri ntibemerewe kugendana udukapu two mu mugongo muri koridoro z'inyubako, keretse utwo dukapu two mu mugongo tuboshywe nk'injishi (dufite imyenge) cyangwa tugaragaramo imbere (tubonerana).

Niba umunyeshuri wawe adafite agakapu ko mu mugongo k'injishi cyangwa kagaragaramo imbere, agomba kubika agakapu ke ko mu mugongo mu kabati kagenwe n'ikigo cy'ishuri mu gihe bari kwigira ku ishuri.

## Chromebooks (Mudasobwa z'umunyeshuri)

Abanyeshuri ntibasabwa kuba bafite mudasobwa kugira ngo bakore imikoro yabo. Bazakoresha mudasobwa ku ishuri mu gihe bari kwigira ku ishuri, ariko chromebooks zizaguma mu ishuri. Columbus Global izatanga ibindi bikoresho byose byo ku ishuri.

## Interineti ya Wifi (Nziramugozi)

Columbus City Schools ntiha abanyeshuri enterineti. Ushobora kugana ku isomero rya Columbus Metropolitan Library mu masaha riba rifunguyemo kugira ngo ukoreshe enterineti yabo nziramugozi. Ushobora kwemererwa interineti y'ubuntu cy-angwa kugabanyirizwa igiciro cyayo binyuze muri iyi gahunda:

https://www.affordableconnectivity.gov/

**Hamagara ku biro niba hari ibibazo ibyo ari byo byose ufite!**

**Ibiro bya Columbus Global Academy**

**614-365-8811**

Amategeko yerekeye Udukapu two mu mugongo!




Udukapu two mu mugongo dusanzwe tugomba kubikwa mu kabati kawe wagenewe





Udukapu tw'injishi ntacyo bitwaye kutugendana mu kigo.

Sikana kode ya QR nk'urugero.





Udukapu tubonerana ntacyo dutwaye.

Ushobora kugendana agakapu kabonerana mu kigo.

